

# Uruzi rw’umukororombya

Mimi Werna

Tr: Francine Muhawenimana

Edwin Irabor

Kinyarwanda

African Storybook.org



Abavandimwe batatu, Ada, Ardo na Eran bumvise umuziki wimvura. Bashakaga kubyiniramo. Bashakaga gukora ku mukororobya wageze mu kirere. Mama ati: “Oya.”

Bararize, bizeye ko arahindura imitekerereze ye.  Ntabwo byakunze. Eran yagerageje no gusohoka mu nzu gusura umukororombya.



Mama yamufashe ataragenda. Yazamuye ijwi kugirango Eran na bashiki be nabo bumve.

Ati: “Urashobora gufata ibicurane.” Yongeyeho amwenyura ati: “Ntabwo ukunda isupu y‘urusenda kandi ugomba Kuyirya uramutse ufashe ibicurane."



Yizeye ko bazabaza inkuru, yagize ati: “Umukororombya ni uruzi rutangaje rufite imbaraga zo gukiza.  Ariko ruri hejuru cyane mu kirere ku buryo udashobora kuhagera.  Niba ufashe ubukonje, umukororombya ntushobora kugufasha."

Abana batekereje kuri ibi.



Ardo ati: “Mama, nyamuneka tubwire amateka y’umukororombya.” Ada ati: “Nibyo, ndakwinginze mama, nanjye ndashaka kubyumva.” “Bose batatu,” Eran yinginga, azamura hejuru intoki eshatu.

Aceceka gato ati: “Nibyo, reka ndebe, mmmm. Nibyiza gukundana, bakina. Mama, ubabwira inkuru arahari!”



Ardo yirutse kuri naha, afata inkoni bakoresheje nk' ikimenyetso cyabo. Yayihaye nyina. Eran yafashe igitambaro cya mama cyo mu mutwe. Ntabwo byigeze binanirwa kumushyira mumico.

Bose baricaye bucece kugirango bumve inkuru bumvise inshuro nyinshi.  Ada yavugije ifirimbi, abwira nyina gutangira.  Hanyuma inkuru iratangira.



“Igihe kimwe, umukororombya wari uruzi rw’amayobera.  Rwari rwihishe mu ishyamba ry'ibiti by'icyatsi rya Musanze.  Kubera ko ryari rifite imbaraga zo gukiza, ryararindwaga.

Iyo wabaga urwaye, wanywaga amazi. Umukororombya wahoraga wishimira gusangira.  Ariko ntiwakundaga abantu bitwaye nabi.”



“Kubera ubumaji bw’umugezi, ku nkombe hari ice cream!  Umuntu wese waje kunywa amazi nawe yishimiraga ice cream, cyane cyane abana.

Ice cream yavuye mu ruzi yari umutuku, orange, umuhondo, icyatsi, ubururu, umutuku, na ubururu bw'ijimye. "



“Umunsi umwe, umukecururu mubi witwa Mbom yavuye mu gihugu hakurya.  Agezeyo, ahura n’umuzamu. ntiyamumenye  kandi yumva ibintu bidasanzwe.  Ariko ntiyumva ibyiyumvo bye.

Yerekeje mu ishyamba amubwira ko haba uruzi.  Mbom arabyemere ajya ku mazi.”



“Yafashe ikinyobwa arakira.  Hanyuma yarebye hirya no hino kugira ngo arebe ko atarebwa.

Mbom yafashe ibuye arajugunya. Yitegereje uko rizamuka, rikwirakwira. Yishimye, afata inkoni.  nayo ayijugunyamo biba nkibindi.



“Mbom yasimbutse mu mazi! Yizeraga kubona ubuzima bw’iteka. Akimara gusimbuka, uruzi rwarazamutse. Rujya hejuru mu kirere, ntiruzigera rusubira Musanze. Ariko rimwe na rimwe umukororombya ukurikira nyuma yimvura, kugirango wumve uruzi.

Kandi naho inkuru yanjye irangirira," Mama aravuga!



Mama ati: “Noneho abakunzi banjye bambwira, kuki mukunda iyi nkuru cyane? Mukunze kumbaza kuyivuga.”

Ada aramwenyurya ati: “Ndabikunda kuko binyibutsa kwita ku byiyumvo byanjye.” Ardo yongeheho ati: “Biramfasha kwibuka amabara y’umukororombya.”



Eran yagerageje gusunika amahirwe, ati: “Ndabikunda kuko binyibutsa ice cream! Nshobora kugira ubu, pleeeaaase?”

“Mmmmm.  Ubu birakonje, reka tuzarye ice cream ejo.  Turabikora?” nyina ati. Hanyuma yongeyeho ati: “Ubutaha, nzavuga imigani y’umukororombya.”

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

# Uruzi rw'umukororombya

**Umwanditsi** -- Mimi Werna
**Ubuhinduzi** -- Francine Muhawenimana
**Icyitegererezo** -- Edwin Irabor
**Ururimi** - Ikinyarwanda
**Urwego** – Ibika birebire

© African Storybook Initiative 2018
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org

**2022.09.06**